CROP PROTECTION FACTSHEET

Nematode zirwanya isazi y' inkori n' ibishyimbo

Kumenya imiterere y'ikibazo

Utunyo duto cyane tw'isazi y'ibishyimbo ikiri nto tujya kuba umweru batwita urunyo rw'uruti rw'ibishyimbo. Utu tunyo dufata inkori, ibishyimbo bikimera cyangwa bikiri bito, tuva mu butaka tukinjirira aho uruti rutangirira tukazamukira mu ruti, bigatuma habyimba. Igihingwa kiraraba, kigahinduka umuhondo kikaba cyanasaduka. Iyo utu tunyo dufashe ibihingwa bikimera bihita byuma. Isazi ikuze y'ibishyimbo irirabura ikagira uburebure bwa mm 2. Iyo ikirere gituje nta mvura n'umuyaga ushobora kuzibona ziguruka ku bishyimbo.



Amagi y'isazi y'ibishyimbo.Inkuru ishobora kugira mm2. Isazi cyangwa urunyo rwayo rwangiza uruti (NSW Agriculture, Y. Xun)

Uko iteye n'uko ikwirakwira

Utunyo tw'isazi y'ibishyimbo tuba mu gice cyo hasi cy'uruti kuva ku butaka ugana hasi. Mu butaka kandi habamo nematode nto cyane z'ingirakamaro zifite ishusho y'iminyorogoto zishobora kwica utunyo tw'isazi y'ibishyimbo. Ubu bwoko bwa nematode ntabwo bwangiza imyaka. Kubera ko izi nematode ari nke mu butaka ku buryo zitabasha kurwanya udukoko twangiza imyaka, ni ngombwa kuzitera nk'umuti mu butaka zikica isazi y'ibishyimbo. Zituburirwa muri laboratwari, uwazikenera yazisanga mu Kigo gishinzwe guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda-RAB, akavugana na Joelle Kajuga kuri 0727801614/ 0788525794; umurongo utishyurwa: 4675). Izi nematode zitwarwa kandi zikabikwa mu bintu bikonje nka frigo, mu gicucu kandi ntizirenze icyumweru zidakoreshejwe. Mbere yo kuzitera mu ntabire ihehereye nematode nziza zivangwa byihuse n'amazi mu gicucu, zigahita ziterwa ako kanya zikiri nzima.



Igihingwa cyarabye kubera urunyo (photo by Y. Xun)

Uko bayirwanya

- Tera imvange ya nematode n'amazi ku bihigwa bifite hagati y'amababi 2 na 5
- Nematode z'ubu bwoko "*Steinernema carpocapsae RW14-G-R3a-2*", "*Steinernema sp. RW14-M-C2b-1*" n'izindi wazisanga muri RAB-Rubona.
- Baziguha ziri mu duce tw'umufariso/igodora ukazitwara mu kintu gikonje.
- Ugomba kuzitera mu murima igihe nta zuba riva cyangwa ku mugoroba.
- Shyira uduce tw`umufariso mu ndobo irimo amazi, uvange, ukamure nematode nziza zijye mu mazi hanyuma uyungurure.
- Tegurira mu gicucu nematode nziza ziri hagati ya miliyoni 6 na 18 (hagati y'uduce 15 na 45 tw`umufariso) muri l20 z'amazi ziterwa kuri m2 700 z'intabire ihehereye zikaba zihagije ku biti biri hagati ya 500 na 700.
- Tera mu gihe cy'amasegonda 5 aho buri ruti rumerera imvange ya nematode n'amazi kugira ngo ubutaka bwaho busome nematode ntizipfe.
- Imyaka imaze kuzitana ushobora kongera gutera nematode ucukura umutabo hafi y'uruti ugasukamo nematode n'amazi ugahita urenzaho itaka.

Udufariso turimo nematode mu mazi (photos S. Toepfer)

Gutera nematode ku bihingwa bifite amababi y'inzitane iyo ubutaka buhehereye (photos Montana S.U.; S.Toepfer)

Singombwa kwambara imyenda idasazwe wikingira umubiri kuko izi nematode nta ngaruka zigira ariko ushobora gukoresha udupfukantoki. Gukurikiza amabwiriza yanditse nk'uburyo bitwarwa, bivangwa, igihe zikoreshwa. Gusuzuma neza ibijyanye n'amategeko n'amabwiriza bireba imenyekanisha n'ubugenzuzi by'ikoreshwa rya nematode z'ingirakamaro (RALIS).

Scientific name ▶ ***Ophiomyia phaseoli*** Country: **Rwanda**

BYATEGUWE NA : Joelle Kajuga [1], Bancy Waweru [1], Athanase Hategekimana [1], Didace Bazagwira[1], Christine Umulisa [1],Christine Uzayisenga1, Augustin Nzigiyimana[1], Xun Yan [2], Li Cao [2], Kebin Li [3], Hongmei Li [4], Stefan Toepfer [5]

[1] Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi RAB, Huye, Rwanda; [2] GEI, Guangzhou, China; [3] IPP-CAAS, Beijing, China; [4] CABI China, [5] CABI Switzerland

email: jokajuga@yahoo.fr, bancywaweru@yahoo.com

October 2015

Byatewe inkunga na DFID`s AgriTT